

IKINYARWANDA

Itariki :21/06/2022
Isaha : 14h00-17h00



IBIZAMINI BISOZA IGIHEMBWE CYA 3

IKICIRO: RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE
UMWAKA WA: MBERE (S1)

IGIHE KIMARA: Amasaha 3

AMANOTA: /100

AMABWIRIZA

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabihereye uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'ibibazo 20. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 30)**
 - **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo **(amanota 25)**
 - **Igice cya gatatu :** Ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 30)**
 - **Igice cya kane :** Ihangamwandiko **(amanota 15)**
4. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5. Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
6. Koresha gusa ikaramu y'**ubururu** cyangwa y'**umukara**.

IBIYOBYABWENGE BYIBASIYE URUBYIRUKO

Ubuyobozi bw'Umurenge buherutse gufata icyumweru bufatanyaga n'abayobozi b'ibigo by'amashuri gukangurira urubyiruko kwirinda ibiyobyabwenge. Intero yari ukwirinda ibiyobyabwenge kuko byica. Byaravuzwe cyane kugeza n'aho buri murezi mbere yo gutangira isomo afata akanya gato akavuga ku bubu bw'ibiyobyabwenge. Twe ariko ntitwabihaga agaciro kuko tutiyumvishaga ko hari umunyeshuri wanywa ibiyobyabwenge.

Twatangiyeye kubikeka tubonye bamwe mu bana twiganaga batangiyeye kugaragaza imico idasanzwe. Hari umwana witwaga Mugabo, yigeze kuza ku ishuri yakererewe, ageze ku muryango mugari uturuka ku muhanda akora ibintu bitangaje. Umusaza uba uri ku muryango yaramubajije ati: "Wakerejwe n'iki?" Undi aho kumusubiza afunga igipfunsi ngo aramusuhuza. Umusaza biramuyobera. Mu gihe akibyibazaho umusore wawe yungamo ati: "Ntunteze abantu." Umusaza arabanza aramukosora agira ngo ntiyari abizi ati: "Mu Kinyarwanda baramukanya bagira bati: "Amashyo, muraho, mwaramutse cyangwa mwiriwe. Ibyo bigaterwa n'aho amasaha ageze cyangwa igihe mumaze mudahemukana". Umusaza aramureka aratambuka ariko aramwihanangiriza ngo ntazongere gukererwa.

Mu by'ukuri Mugabo akigera mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye, yari umunyeshuri w'intangarugero. Byahindutse mu kanya gato. Mugabo yongeye gufatwa yatorotse ikigo amasaha yo gutaha ataragera. Umuyobozi amuhamagaza mu biro bye, akimukubita amaso ahita yibuka ko n'amaraporo menshi amugeraho yibanda cyane ku myitwarire ya Mugabo. Ngo asigaye aseka ubusa mu ishuri, ngo iyo atarimo gusakuza arasinzira, ngo yasubiye inyuma mu mitsindire n'ibindi. Yahise amukora mu mufuka w'ipantaro amusangana agacupa karimo inzoga y'inkorano.

Inama yahise iterana igitaraganya. Umwe mu bari aho ati: "Uyu mwana twaramuranganye. Igihe yahinduraga imyitwarire, tuba twaramugiriye inama tukamukebura amazi atararenga inkombe". Agize ngo aritsa ijamba, undi ati: "Mbere yo gufata umwanzuro murebe ko nta bandi babisangira."

Hakurikiyeho gusaka basanga urubyiruko rwarashize; ngizo waragi, ngiryo itabi! Hari n'utuyoga babonye dufunze mu dushashi; bafashe abanyeshuri basaga batanu. Kwirukana Mugabo byahise bihagarara basanga ikihutirwa ari ugufata

abanyeshuri bose bakabagira inama. Badusobanuriye ko ibiyobyabwenge bitera indwara, harimo umuvuduko w'amaraso n'izo mu mutwe. Banatubwiye ko ibiyobyabwenge bitera urugomo, batubwira ko kandi bitera n'ubuswa mu ishuri. Zimwe muri izo ngaruka mbi twari twaranaziboneye. Abo banyeshuri bafatanywe ibiyobyabwenge bose bari barasubiye inyuma ku buryo bugaragara.

Nyuma y'ikiganiro abafatanywe ibiyobyabwenge barahanwe by'intangarugero ndetse uwajyaga abizana ku ishuri yaje kwisubiraho. Kuva ubwo ikigo kihaye gahunda yo gukoresha iteraniro mu gitondo, nibura gatatu mu cyumweru. Batuganiriza ku bubu bw'ibiyobyabwenge, gukundana no gukunda Igihugu, kwiga dushyizeho umwete n'izindi nsanganyamatsiko zirimo gahunda za Leta. Abayobozi n'abarezi bose basimburana kutugira inama. Umuyobozi wenyine si we wiharira ijamba. N'iyi umwe mu banyeshuri yabaga afite icyo ari butuganirizeho yahabwaga ijamba. Ni ibyo gushimwa kuko byatanze umusaruro ushimishije!

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Ni nde munyeshuri uvugwa mu mwandiko ko akoresha ibiyobyabwenge? **(inota 1)**
- 2) Ni ikihe kiyobyabwenge bamusanganye mu mufuka? **(inota 1)**
- 3) Rondora andi mazina y'ibiyobyabwenge babonye ubwo bari mu isaka ku ishuri. **(amanota 3)**
- 4) Vuga ingaruka z'ibiyobyabwenge: **(amanota 5)**
 - (a) mu muryango
 - (b) ku munyeshuri
 - (c) ku buzima
 - (d) ku mutekano
 - (e) ku bukungu bw'igihugu.
- 5) Ereka imyitwarire ya Mugabo yagaragazaga ko yari asigaye afata ibiyobyabwenge: **(amanota 3)**
- 6) Ni uruhe ruhare abanyeshuri bo ubwabo bashobora kugira mu kurwanya ibiyobyabwenge haba mu kigo no hanze yacyo? **(amanota 2)**
- 7) Garagaza umwanzuro ubuyobozi bw'ishuri bwafashe bumaze kubona ko abanyeshuri bugarijwe n'ibiyobyabwenge. **(amanota 3)**

- 8) Ni iyihe nama wagira abayobozi n'abanyeshuri mu gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge ku ishuri? **(amanota 2)**
- 9) Sobanura amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko: **(amanota 5)**
- (a) idasanzwe
 - (b) biramuyobera
 - (c) ntunteze abantu
 - (d) intangarugero
 - (e) igitaraganya
- 10) Tanga imbusane z'amagambo akurikira dusanga mu mwandiko: **(amanota 5)**
- (a) kwirinda
 - (b) gutangira
 - (c) yakererewe
 - (d) ibibujijwe
 - (e) kwitsa ijamba

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

- 11) Shyira mu bwinshi interuro zikurikira ku buryo zikomeza kuba mbonezamvugo. **(amanota 5)**
- (a) Agakwavu karishije ubwatsi.
 - (b) Ukuguru kwe kavunitse.
 - (c) Ubukwe bwe bwabereye mu nzu mberabyombi.
 - (d) Ikiyoni cyaryarywe n'urukwavu.
 - (e) Ahantu ho kubakwa inzu hagomba gutegurwa neza.
- 12) Garagaza inteko z' amagambo atsindeye. **(amanota 5)**
- (a) **Umutwe** umwe ntiwigira inama.
 - (b) Iyo **uruzi** rujya ni yo amabuye agana.
 - (c) **Ingabo** ziganditse hakurya ya nyabarongo.
 - (d) Imihini mishya itera **amabavu**.
 - (e) Nta rutugu rukura ngo rusumbe **ijoshi**.
- 13) Hanga interuro zawe bwite dusangamo ibikurikira : **(amanota 5)**
- (a) ntera
 - (b) izina ntera
 - (c) indangahantu

- (d) igisantera
- (e) izina rusange

14) Tanga ingero z'amagambo ashobora gukoreshwamo aya mategeko y'igenamajwi unagaragaze uturemajambo twayo. **(amanota 10)**

- (a) $y \rightarrow z/n-$
- (b) $k \rightarrow g/-GR$
- (c) $n \rightarrow m/-v$
- (d) $t \rightarrow \emptyset/n-s$
- (e) $r \rightarrow d/n-$

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

15) Tandukanya umuvugo n'umugani muremure ushingiyeye ku turango twabyo. **(amanota 6)**

16) Erekanako akamaro k'umuyobozi w'ibiganiro mpaka. **(amanota 6)**

17) Erekanako ibyombi ushima n'ibyo unenga mu biganiro byombi gutebya bigaragara mu misango y'ubukwe. **(amanota 6)**

18) Tandukanya ubutumwa bugufi n'ibaruwa isanzwe. **(amanota 6)**

19) Ica ibi bisakuzo bikurikira ukoresheje amagambo wahawe: Sakwesakwe!
isake, imyenge y'inzu, uruhu rw'imbwa, ijwi, umuyaga, inyana mu nda ya nyina. **(amanota 6)**

- (a) Akari inyuma ya Ndiza urakazi ?
- (b) Nagutera icyambuka uruzi kitagira amaguru!
- (c) Ni nge muzindutsi wa kare nahuye n'Imana yikoreye inyama!
- (d) Bwiza bupfuye ubusa!
- (e) Ko undeba ndaguha?
- (f) Nagutera ikigira izina ntikigire ibara!

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

20) Hanga umwandiko ntekerezo mu mirongo makumyabiri (20) ku bubu n'ingaruka by'indwara ya SIDA.

Ikitonderwa: Urasabwa kugaragaza ingingo enye kandi ukanazisobanura neza.

.....**IHEREZO**.....

IMBONERA Y'IKOSORA (S1)

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Umunyeshuri uvugwa mu mwandiko ko akoresha ibiyobyabwenge ni Mugabo. **(inota 1)**
- 2) Ikiyobyabwenge bamusanganye mu mufuka ni inzoga y'inkorano. **(inota 1)**
- 3) Andi mazina y'ibiyobyabwenge babonye ubwo bari mu isaka ku ishuri ni: waragi **(1)**, itabi **(1)** n'utuyoga dufunze mu dushashi. **(1) (amanota 3)**
- 4) Ingaruka z'ibiyobyabwenge: **(amanota 5)**
 - (a) Mu muryango: Abagize umuryango ubamo ibiyobyabwenge barangwa n'amakimbirane, kutubahana, gukoresha nabi umutungo w'urugo; bishobora no gutuma habaho gucana inyuma ku bashakanye, kandi n'icyubahiro cy'umuryango kiratakara. **(1)**
 - (b) Ku munyeshuri: Bishobora gutuma ata ishuri, asubira inyuma mu myigire bitewe no kwishora mu biyobyabwenge. Bishobora no gutuma ashaka kudakurikiza amategeko y'ishuri no guhangana n'abayobozi b'ishuri kubera ibiyobyabwenge. **(1)**
 - (c) Ku buzima: Byangiza ubwonko n'umubiri, kandi bishora abantu mu ngeso mbi zabakururira akaga karimo nko kwandura agakoko gatera sida, gukomereka, ndetse n'urupfu tutarwibagiwe. **(1)**
 - (d) Ku mutekano: Abafata ibiyobyabwenge barawuhungabanya, bamwe barara basakuza, abandi bataha mu ngo zitari izabo bayobewe inzira ibacyura, abandi bahohotera abandi na bo ubwabo batiretse. **(1)**
 - (e) Ku bukungu bw'Igihugu: Ibiyobyabwenge birahenda, n'ibikorwa byo kubikumira bigahenda, ndetse n'abo byokamye batakaza imbaraga zari gutanga umusaruro. **(1)**
- 5) Imyitwarire ya Mugabo yagaragazaga ko afata ibiyobyabwenge: asigaye aseka ubusa mu ishuri, **(1)** iyo atarimo gusakuza arasinzira, **(1)** yasubiye inyuma mu mitsindire... **(1) (amanota 3)**
- 6) Uruhare abanyeshuri bo ubwabo bashobora kugira mu kurwanya ibiyobyabwenge haba mu kigo no hanze yacyo:
Mu kigo: Kurushaho kwerekana ingaruka zabyo, gushyiraho amatsinda (amahuriro) yo kubirwanya. **(1)**

Hanze y'ikigo: Gukomeza gusobanura ingaruka zabyo no gukangurira abantu kubyirinda. **(1) (amanota 2)**

- 7) Umwanzuro ubuyobozi bw'ishuri bwafashe bumaze kubona ko abanyeshuri bugarijwe n'ibiyobyabwenge: Kuva ubwo ikigo kihaye gahunda yo gukoresha iteraniro mu gitondo, **(1)** nibura gatatu mu cyumweru. **(1)** Kuganiriza abanyeshuri ku bubu bw'ibiyobyabwenge. **(amanota 3)**
- 8) Abayobozi nabagira inama yo gukomeza gusobanurira abo bayobora ububi bw'ibiyobyabwenge, bakabasobanurira n'uburyo bwo kubyirinda, kandi bagashishikariza abanyeshuri kujya mu matsinda yo kubirwanya. **(1)** Abanyeshuri nabagira inama yo gutega amatwi no gukurikiza impanuro bagezwaho n'abayobozi, bakibumbira mu matsinda yo kubirwanya ndetse n'andi akorera mu kigo kuko bituma batabona umwanya wo kurangara ngo bage mu ngeso mbi nk'izo. N'aho babimenye kandi bakihutira gutanga amakuru ku babishinzwe ngo babikumire amazi atararenga inkombe **(1) (amanota 2)**
- 9) Gusobanura amagambo uko yakoreshejwe mu mwandiko: **(amanota 5)**
- (a) idasanzwe: itamenyerewe **(1)**
 - (b) biramuyobera: bimubera urujijo / ntiyabyumva/ ntiyasobanukirwa **(1)**
 - (c) Ntunteze abantu: ntumvemo/ ntunshyire ku mugaragaro/ ntutume abandi babimenya **(1)**
 - (d) Intangarugero: ukora ibyiza bishimwa n'abandi ndetse bakabifata nk'ikitegererezo **(1)**
 - (e) igitaraganya: mu buryo butunguranye **(1)**
- 10) Imbusane z'amagambo akurikira : **(amanota 5)**
- (a) Kwirinda ≠ kwishora **(1)**
 - (b) Gutangira ≠ gusoza **(1)**
 - (c) Yakererewe ≠ yazindutse **(1)**
 - (d) Ibibujijwe ≠ ibyemewe **(1)**
 - (e) Kwitsa ijambo ≠ gukomeza ijambo **(1)**

IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

- 11) Gushyira mu bwinshi interuro zikurikira ku buryo zikomeza kuba mbonezamvugo. **(amanota 5)**
- (a) Agakwavu karishije ubwatsi. → Udukwavu twarishije ubwatsi. **(1)**

- (b) Ukuguru kwe kavunitse. → Amaguru yabo yavunitse. **(1)**
- (c) Ubukwe bwe bwabereye mu nzu mberabyombi. → Ubukwe bwabo bwabereye mu nzu/mazu mberabyombi. **(1)**
- (d) Ikiyoni cyaryarywe n'urukwavu. → Ibyiyoni byaryarywe n'inkwavu. **(1)**
- (e) Ahantu ho kubakwa inzu hagomba gutegurwa neza. → Ahantu ho kubakwa inzu (amazu) hagomba gutegurwa neza. **(1)**
- 12) Garagaza inteko z' amagambo atsindagiye. **(amanota 5)**
- (a) umutwe: **nt.3**
- (b) uruzi: **nt.11**
- (c) ingabo: **nt.10**
- (d) amabavu: **nt. 6**
- (e) ijosi: **nt.5**
- 13) Guhanga interuro dusangamo : **(amanota 5)**
- (a) Ntera : Ni ikigo **gishya** kigizwe n'amazu **maremare** agerekeranye. **(1)**
- (b) Izina ntera: **Umwiza** arahenda kandi agashimwa n' **abakuru**. **(1)**
- (c) Indangahantu : Abana bagiye kuvoma **ku** iriba. **(1)**
- (d) Igisantera : Umuco **nyarwanda** ushyigikira imikino **gakondo**. **(1)**
- (e) izina rusange: Uyu **munsi** twakoze **ikizamini** cyoroshye. **(1)**
- 14) Amagambo ashobora gukoreshwamo aya mategeko y'igenamajwi n'uturemajambo twayo. **(amanota 10)**
- (a) y→z/n-: inzira **(1)**; i-n-yira **(1)**
- (b) k→g/-GR: igiti **(1)**; i-ki-ti **(1)**
- (c) n→m/-v imvura **(1)**; i-n-vura **(1)**
- (d) t →∅/n-s: insina **(1)**; i-n-tsina**(1)**
- (e) r→d/n-: induru **(1)**; i-n-ruru**(1)**

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

- 15) Gutandukanya umuvugo n'umugani muremure : **(amanota 6)**

Umuvugo urangwa n'ibi bikurikira:

- Umuvugo uba ufite injyana ku buryo uwumva anyurwa amatwi. **(1)**
- Uba wanditse mu mikarago **(1)**; si interuro zisanzwe nk'izo mu yindi myandiko. **(1)**
- Buri mukarago utangizwa inyuguti nkuru.

- Ukoresha invugo ijimije kandi itatse inganzo. **(1)**
- Mu gihe umugani muremure urangwa n'amakabyankuru menshi **(1)**
- Ugira uko utangira n'uko urangira. **(1)**

16) Akamaro k'umuyobozi w'ibiganiro mpaka: **(amanota 6)**

Umuyobozi w'ibiganiro mpaka :

- Ni umuntu uba ushinzwe guhuza izo mpande zombi **(1)**
- Ni we utangaza insanganyamatsiko **(1)**
- agatanga umurongo ngenderwaho/amabwiriza **(1)**
- Ni we kandi werekana ingufu n'imbaraga nke z'ibitekerezo bya buri ruhande **(1)**
- afasha mu kumvikanisha impande zombi **(1)**
- akanageza impande zombi ku mwanzuro **(1)**

17) Kwerekana ibyo ushima n'ibyo unenga mu biganiro byo gutebya bigaragara mu misango y'ubukwe. **(amanota 6)**

Ibyo dushima :

- Bitoza abantu kuba intyozza no kuvugira mu ruhame **(1)**
- Bitoza umuntu umuco wo kutaba igifura **(1)**
- Bitoza umuntu kumenya gutekereza vuba **(1)**
- Bisigazira umuco nyarwanda ushingiyeye ku bukwe **(1)**

Ibyo tunenga:

- Kubeshya **(1)**
- Bitwara igihe bikaba byakereza abageni kujya gusezerana. **(1)**

Ikitonderwa: Harebwa ingingo iyo ari yo yose, yaba ishima yaba inenga igahemberwa.

18) Gutandukanya ubutumwa bugufi n'ibaruwa isanzwe: **(amanota 6)**

- Ibaruwa isanzwe iba ari ndende **(1)** ariko ubutumwa bugufi ntibushobora kuba burebure. **(1)**
- Ibaruwa yandikwa ku rupapuro **(1)** ariko ubutumwa bugufi bukunze koherezwa hakoreshejwe terefone na mudasobwa ifite interineti. **(1)**
- Ibaruwa isanzwe igira imbata **(1)** itandukanye n'iy'ubutumwa bugufi. **(1)**

- 19) Kwica ibisakuzo ukoresheje amagambo wahawe: **(amanota 6)**
- (a) Akari inyuma ya Ndiza urakazi? Inyana mu nda ya nyina **(1)**
 - (b) Nagutera icyambuka uruzi kitagira amaguru! Ijwi **(1)**
 - (c) Ni nge muzindutsi wa kare nahuye n'Imana yikoreye inyama! Isake **(1)**
 - (d) Bwiza bupfuye ubusa! Uruhu rw'imbwa **(1)**
 - (e) Ko undeba ndaguha? Imyenge y'inzu **(1)**
 - (f) Nagutera ikigira izina ntikigire ibara! Umuyaga **(1)**

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

20) Guhanga umwandiko ntekerezo mu mirongo makumyabiri (20) ku bubi n'ingaruka by'indwara ya SIDA. **(amanota 15)**

(a) IMISUSIRE: **(amanota 7)**

1. Imbata: (2)

- Umutwe
- Intangiriro
- Igihimba
- Umusozo

2. Isuku n'imigaragarire (1)

- Kubahiriza umwanya w'iburyo n'ibumoso
- Kubahiriza umwanya uri hagati y'ibika
- Kwirinda gusiribanga birenze inshuro ebyiri

3. Uburebure busabwa (1)

- Minsi y'imirongo 20 ahabwa ubusa
- Hejuru ya 20 ahabwa ubusa
- Umutwe na wo ubarirwa mu mirongo isabwa

4. Imyandikire: (2)

Kwita kuri ibi bikurikira:

- Utwatuzo dusoza ibika
- Gukata ijambo
- Inyuguti nkuru atatangije
- Ibihekane byanditse nabi
- Gufatanya amagambo atandukanywa no gutandukanya adatandukanywa

5. Inozamvugo (1)

- Kutavanga indimi, impine, ibimenyetso n'imibare
- Interuro ikocamyemwe.

INGINGO N'IBISOBANURO BYAZO (amanota 8)

Harasabwa ingingo enye zisobanuye: Buri ngingo isobanuye ni **amanota 2**.

Zimwe mu ngingo zagaragazwa:

- Kurwara
- gucika intege
- ubukene
- kwangirika k'umutungo
- kubura intege zo gufasha umuryango
- kutiga neza
- gupfa vuba (gukenyuka)
- imfubyi...